

# Ubuhinzi bwa kijyambere bw'urutoki

**Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)**

| Imbuto | Imborera | NPK 17-17-17 | Urea | Umugozi | Inkoni |
|---|---|---|---|---|---|
| Imibyare 10 | Ibiro 250 (udutebo 10) | Ikiro kimwe | Ikiro kimwe | Umugozi 1 | Inkoni 1 ifite m 3 n'indi ifite m 3 |

## ICYICIRO CYA 1 GUTEGURA UMURIMA

-Temurura mu gihe cy'izuba kandi ntubitwike.
-Tabira bwa mbere, utegereze ibyumweru 4.
-Tabira bwa kabiri, ukuremo ibyatsi bibi bimera.
-Ca imirwanya-suri.




## ICYICIRO CYA 2 GUCUKURA IMYOBO

Batera ku ntera ya m 3 hagati y'imirongo na m 3 hagati y'umwobo n'undi. Cukura imyobo ya cm 60 z'ubujyakuzimu na cm 60 z'umurambararo. Ubutaka buvuye hejuru muri cm 30 busubizwa mu mwobo bukavangwa n'ifumbire.





## ICYICIRO CYA 3 GUFUMBIRA

Koresha imborera iboze neza ingana na kg 15-25 mu mwobo umwe. Koresha g 125 za NPK 17:17:17 cg g 125 za Urea mu mwobo umwe mugihe cy'itera, wongeremo NPK nyuma y'amezi 6.



## ICYICIRO CYA 4 GUTERA

Batera imibyare ivuye mu rutoki rutarwaye kandi rwera neza, isongoye hejuru, ifite inguri nini, imizi n'ibitaka byavanyweho, ikagira n'uburebure buri hagati ya cm 80 na m 1.50 cg bagatera imibyare ivuye muri laboratwari. Bashyira umubyare umwe mu mwobo. Urutoki ruterwa mugihe cy'imvura y'umuhindo yo muri Nzeri cg Ukwakira



## ICYICIRO CYA 5 GUKORERA CYANGWA GUFATA NEZA URUTOKI

Sasira urutoki unyanyagizamo ibyatsi bibora cg Ibikenyeri by'umuceri cg amakoma n'imutumba). Bagara cg uvanemo ibyatsi bibi, Shangurura , kandi wicire urutoki rwawe. Kata umwanana uwuvaneho igihe amabere yose y'igitoki amaze gusohoka nka nyuma y'icyumweru cg bibiri). Tegera inzego cg imihembezo insina zimaze kwana. Rimbura inguri zishaje, kandi usimbuze insina zishaje.



## ICYICIRO CYA 6 GUSARURA NO GUHUNIKA

. Igihe urutoki rwerera:
  -Hagati y'amezi 12 na 15 ku bitoki by'ibiribwa n'ibivamo inzoga
  -Hagati y'amezi 18 na 20 ku bitoki by'imineke.
.Bitewe n'uko wafashe neza urutoki rwawe, usarura hagati ya 10 T na 35 T/Ha z'ibitoki ku mwaka.
.Baca ibitoki igihe bikomeye, bagahita babiteka cyangwa bakabitara hanyuma bakabivanamo umutobe, urwagwa....; mu nganda bavanamo ibisuguti na za divayi zinyuranye.

**Urutoki ni igihingwa gikenera imvura ihagije, ubutaka bworoshye, burebure, bwumutse kandi bukize ku ifumbire.**
**Urutoki ruhingwa k'ubutumburuke buri munsi ya m 1800**

Hamagara **4676**, umurongo utishyurwa wa **RAB**